قصةٌ عجيبة وحادث جلل وقع قُبيل ولادة النبي ﷺ.

NI INKURU ITANGAJE KANDI NI IGIKORWA GIHAMBAYE CYABAYE MBERE GATO YO KUVUKA KW'INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA)

ومبدأ هذه القصة أن أبرهة الأشرم وَاليَ اليمن من قِبلِ ملك الحبشة قد رأى أن يبني كنيسة في صنعاء باليمن.

INTANGIRIRO Y'IYO NKURU NUKO ABURAHAT

AL ASHIRAMU WARI UMUTEGETSI WA YEMENI AHAGARARIYE UMWAMI WA HABASHA YIFUJE KUBAKA KIRIZIYA IHAMBAYE MU MUJYI WA SWANIAU MURI YEMEN.

يدعو العرب إلى حجها بدل حجهم البيت الحرام.

وكان قصده من ذلك تحويل التجارة ومكاسبها من مكة الى اليمن .

HANYUMA AGATANGIRA GUHAMAGARIRA ABARABU KUJYA

BAYIKORAHO UMUTAMBAGIRO MUTAGATIFU, AHO KUJYA KU INGORO Y’IMANA, ICYO YARI AGAMIJE MURI IBYO BYOSE CYARI UKUGIRA NGO IBICURUZWA N’INYUNGU ZABYO AHO KUJYA MAKKA BIJYE BIJYA MURI YEMEN.

عرض أبرهة هذا الأمر على الملك الحبشي. فوافق وسرّه ذلك . فبنى الكنيسة على هيئة عظيمة وسماها القُلَّيْس.

ABURAHATI YAGEJEJE KU MWAMI WA HABASHA ICYO GITEKEREZO ARACYEMERA ARANACYISHIMIRA. NUKO YUBAKA KIRIZIYA NINI CYANE MAZE AYITA QULAYISU.

فجاء رجل قرشي فأحدث فيها. ولطّخ جدرانها بالقذر النجس. غضبا من صنيع أبرهة. ثم ذهب. فلما رآها أبرهة بتلك الحال. استشاط غيظا .

NUKO HAZA UMUGABO W’UMUKURAYISHI,

ARAHITUMA IBIBAMBASI ABISIGA UMWANDA KUBERA KURAKAZWA N'IGIKORWA CYA ABURAHATI, HANYUMA ARAGENDA, MAZE ABURAHATI ABONYE IBYO, UBURAKARI BURAMUSAGA

وجهز جيشا لغزو مكة وهدم الكعبة. وكان معه ثلاثة عشر فيلا.

MAZE ATEGURA IGITERO CYO KUJYA KURWANYA MAKKA NO GUSENYA AL

KAABAT, AKABA YARI AFITE INZOVU 13.

من بينها فيل يدعى محمود وهو أكبرُها. وساروا متجهين نحو مكة .فما وقف في وجههم حي من أحياء العرب إلا قاتلوه وهزموه حتى انتهوا إلى قرب مكة .

MURI IZO NZOVU HARIMO IYITWAGA MAHMUDU ARI NAYO NINI MURI ZO, NUKO BAGENDA BEGERA MAKKA, BURI BARABU BOSE BASHAKAGA KUBITAMBIKA IMBERE BARABARWANYAGA

BAKABATSINDA KUGEZA UBWO BEGEREYE MAKKA.

فجرت مفاوضات بينهم وبين شيخ مكة عبد المطلب بن هاشم جد النبي صلى الله عليه وسلم.

MAZE HABA IBIGANIRO HAGATI YABO N'UMUKURU WA MAKKA MURI ICYO GIHE ABDUL MUTWALIB BUN HASHIM, SEKURU W'INTUMWA MUHAMADI (IMANA IMUHE AMAHORO N'IMIGISHA).

وانتهت المفاوضات بأن يرد أبرهة إبل عبد المطلب .

ثمّ هو وشأنه بالكعبة .

BIRANGIRA BEMERANYIJWE KO ABURAHATI ASUBIZA ABDUL MUTWALIB INGAMIYA ZE, IBINDI BIKABA BIMUREBA WE NA AL KAABAT.

وأمرَ عبدالمطلب رجال مكة أن يُخْلوا البلد ويلتحقوا برؤوس الجبال بنسائهم وأطفالهم. خشية ان تلحقهم المعرة . من ذلك الجيش الغازي والظالم.

ABDUL MUTWALIB ATEGEKA ABANTU KO BAVA MU MUJYI WA MAKKA BAKIGIRA MU MPINGA Z’IMISOZI BO N’ABAGORE BABO NDETSE N’ABANA BABO KUGIRA NGO BATAGERWAHO N’IKIBI GITURUTSE KURI ICYO GITERO CY’AMAHUGU.

تحرك جيش أبرهة ووصل الى وادي محسر. وبينما الجيش في وسط الوادي يسير اذا بفرق متتابعة من الطير. ترسل

على ذلك الجيش حجارة. كل واحد منها بقدر الحُمصة والعدسة .

IGITERO CYA ABURAHAT KIRAGENDA KIGERA MU KIBAYA CYA MUHUSIR, IGITERO KIGEZE HAGATI MURI ICYO KIBAYA, HAZA UDUTSIKO TW’INYONI DUKURIKIRANA, TWOHEREZA KURI ICYO GITERO AMABUYE Y’UMUHONDO ABUMBABUMBYE.

ما إن يسقط الحجر منها على رجل منهم إلا ذاب وتناثر لحمه. حتى هلكوا جميعا. وفَرّ أبرهة ولحمه يتناثر. فهلك في الطريق.

UKO IBUYE RYAGWAGA K'UMUNTU MURI BO YARAYENGAGA UMUBIRI WE UGASHWANYAGURIKA, KUGEZA UBWO BOSE BARIMBUTSE, ABURAHATI AHUNGA INYAMA ZIGENDA ZITAKARA MAZE NAWE APFIRA MU NZIRA.

فكانت هذه آية من آيات الله تعالى. ونصرة منه لسكان حرمه وحماة بيته. ونعمة من النعم التي امتن بها على قريش .

ICYO KIKABA CYARABAYE IGITANGAZA CY’IMANA YAROKOYEMO ABATUYE HARAM YE NO KUBUNGABUNGA INGORO YAYO, KIKABA CYARABAYE INEMA YIBUTSWA ABAKURAYISHI.

قال تعالى الم ترى كيف فعل ربك بأصحاب الفيل؟ ألم يجعل كيدهم في

تضليل. وأرسل عليهم طيرا أبابيل. ترميهم بحجارة من سجيل. فجعلهم كعصف مأكول.

IMANA YARAVUZE ITI “
1. ESE (YEWE MUHAMADI) NTIWAMENYE UKO NYAGASANI WAWE YAGIZE ABAGABYE IGITERO BARI KU NZOVU (BAJE GUSENYA INGORO YA AL KAABAT IRI I MAKA)?
2. ESE UMUGAMBI WABO MUBISHA NTIYAWUBURIJEMO?

3. NUKO AKABOHEREREZA URUHURI RW’INYONI.

4. ZIKABATERA AMABUYE Y’IBUMBA YATUYE,

5. MAZE AKABAGIRA NK’IBYATSI BYAKANJAKANJWE.